**Repubulika y'u Rwanda**

**Intara y'Iburengerazuba**
**Akarere ka Rusizi**
**Tel: 0788306198**
**Email :** info@rusizi.gov.rw
**B.P: 253 Rusizi**

## ITANGAZO RY'AKAZI

Ubuyobozi bw'Akarere ka RUSIZI k'ubufatanye n'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe iyoherezwa mu mahanga ry'ibikomoka ku buhinzi n'Ubworozi(NAEB), buramenyesha abantu bose bujuje ibisabwa ko hari **imyanya makumyabiri n'ibiri (22) y'akazi y'umukozi ukorera ku masezerano y'igihe kizwi** ku mwanya wa Coffee Proximity Extension Technical Assistants (TAs) mu mushinga wa « Promoting Smallholder Agro-Export Competitiveness Project(PSAC) ,ugamije gusimbuza no kuvugurura ibiti bya kawa bishaje.

**Abifuza gusaba ako kazi bagomba kuba bujuje ibi bikurikira:**

1. Kuba ari Umunyarwanda/Umunyarwandakazi,
2. Kuba afite nibura impamyabumenyi ya A2 mu buhinzi cyangwa ibijyanye n'ibinyabuzima cyangwa ubumenyi bw'isi (Relevant Biological or geographical science studies) akaba yarahuguwe ku buhinzi bwa kawa.
3. Kuba afite ubumenyi bwimbitse ku buhinzi bwa kawa,
4. Kuba afite uburambe byibura bw'imyaka ibiri(2) akorana n'abaturage mu iyamamazabuhinzi,
5. Kuba afite ubumenyi ku intungagihingwa (fertilizers) kawa ikenera ndetse n'indi mirimo yose ikorerwa kawa iri mu murima kugirango itange umusaruro,
6. Kuba amenyereye gukorana n'abahinzi byaba ari akarusho,
7. Kwemera kuba mu Murenge azaba akoreramo mu rwego rwo gukorana n'abahinzi ba kawa igihe kinini mu mirima yabo,
8. Kuba azi kwandika no kuvuga neza icyongereza n'ikinyarwanda,
9. Kuba ari urubyiruko cyangwa umugore byaba ari akarusho.

**Dosiye zisaba akazi zujuje ibisabwa kuri uyu mwanya zigizwe n'ibi bikurikira:**

1. Ibaruwa isaba akazi yandikiwe Umuyobozi w'Akarere ka Rusizi
2. Umwirondoro w'usaba akazi (CV),
3. Impamyabumenyi iriho umukono wa Noteri (Notified Diploma) na fotokopi y'Indangamuntu(ID),
4. Icyemezo cy'umukoresha wa nyuma cyangwa icyemezo kigaragaza uburambe,
5. Icyemezo kigaragaza ko yahuguwe ku buhinzi bwa kawa ku bize ibijyanye n'ibinyabuzima cyangwa ubumenyi bw'isi (Relevant Biological or geographical science studies).

Dosiye zizakirwa mu Bunyamabanga rusange bw'Akarere ka Rusizi mu masha y'akazi guhera tariki ya 14/05/2025 kugeza kuwa 20/05/2025 saa kumi n'imwe z'umugoroba(17h00).

Bikorewe i Rusizi kuwa 12/05/2025

AKARERE KA RUSIZI

**SINDAYIHEBA Phanuel**
Umuyobozi w'Akarere ka Rusizi